**REPUBLIC OF RWANDA**

**Higher Education Council (HEC)**
**P.O. BOX 6311**

## ITANGAZO RIREBA ABIFUZA GUSABA INGUZANYO YO KWIGA MURI KAMINUZAY'U RWANDA (UNIVERSITY OF RWANDA) NO MW'ISHURI RIKURU RYIGISHAUBUMENYINGIRO N'IKORANABUHANGA (RWANDA POLYTECHNIC) MU MWAKA W'AMASHURI 2020-2021.

Ubuyobozi bw'Inama y'Igihugu y'Amashuri Makuru (Higher Education Council) buramenyesha abanyeshuri barangije umwaka wa 6 w'amashuri yisumbuye bitegura gutangira umwaka wa mbere muri Kaminuza y'u Rwanda (University of Rwanda) no mw' Ishuri Rikuru ryigisha Ubumenyingiro n'Ikoranabuhanga (Rwanda Polytechnic - IPRCs) ko:

1. Gusaba inguzanyo bizakorwa guhera tariki ya 09/07/2020 kugeza ku ya 15/08/2020. Nyuma yiyi tariki nta busabe bw'inguzanyo buzakirwa;

2. Usaba inguzanyo agomba kuba yaramaze gusaba umwanya (application for admission) muri "University of Rwanda" cyangwa muri "Rwanda Polytechnic".

3. Gusaba inguzanyo bikorwa hakoreshejwe umurongo wa interineti ukurikira : http://mis.hec.gov.rw/bursary/Apply-Local-Loan;

4. Usaba inguzanyo asabwa kuzuza neza amakuru yose asabwa kugirango ubusabe bwe buzigweho. Ubusabe bwujuje nabi cyangwa butuzuye ntabwo buzasuzumwa;

5. Usaba inguzanyo agomba kuba afite ibi bikurikira : (a) Kopi y'irangamuntu; (b) Amanota yo mu mwaka wa gatandatu (Results Slip);

6. Usaba inguzanyo agomba kuzuza neza: ***nomero y'indangamuntu; nomero y'umunyeshuri (reference number); email ikora neza kandi yibuka neza umubare w'ibanga (password), nomero ya telefoni***. uzakora ikosa muri kimwe muri ibi azaba yiyambuye amakuru yo kubona inguzanyo .

7. Usaba inguzanyo ntabwo asabwa kuzajya gusinyisha ikiciro cy'ubudehe nk'uko byakorwaga mu myaka yabanje.

Bikorewe i Kigali ku wa ……07…/…07…../2020

Mukankomeje Rose
**Dr. Rose MUKANKOMEJE**
Umuyobozi Nshingwabikorwa

HIGHER EDUCATION COUNCIL - HEC